GANA HEZA

CCOAIB's NEWSLETTER

23/05/2017

UMUSANZU WA CCOAIB MU KUNOZA INGAMBA Z'ITERAMBERE RY'UBUHINZI

Kuwa kane tariki ya 11/05/2017, i Kigali muri Hotel Nobleza mu karere ka Kicukiro, Ihuriro ry'imiryango Nyarwanda ishyigikira ibikorwa by'Amajyambere y'ibanze (CCOAIB) ryakoresheje ikiganiro ku bufatanye na Minisiteri y'ubuhinzi n'Ubworozi hamwe n'umuryango w'abibumbye wita ku buhinzi no ku biribwa (World Food Program)

Mu gihe hari gutegurwa ingamba y'ubuhinzi PSTA ya kane (Plan stratégique de transformation agricole), CCOAIB yifuje gukusanya ibitekerezo by'abanyamuryango bayo kugira ngo bizagezwe kuri minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi maze bizifashishwe kugira ngo iyi gahunda izageze ku banyarwanda muri rusange no ku bahinzi by'umwihariko politiki n'ingamba z'iterambere bibanogeye.

CCOAIB imaze igihe kitari gito ishyira ingufu muri za politiki na gahunda z'ubuhinzi n'ubworozi, haba mu kuzisesengura, kuzimenyesha abahinzi no kuzikoraho ubuvugizi, ikigenderewe ari uko haboneka ibisubizo biboneye. Ingero twatanga ni ingamba y'igihugu y'iyamamazabuhinzi (NAES), Twigire Muhinzi, Gahunda y'amaterasi y'indinganire, Gira inka munyarwanda n'izindi.

Twibutse ko umubare munini mu miryango mirongo itatu n'itandatu (36) igize CCOAIB ikorana n'amakoperative y'abahinzi, aho ibunganira mu buryo butandukanye kugira ngo barusheho kugira umusaruro mwiza kandi mwinshi, bihaze mu biribwa, basagurire amasoko ndetse bagere ku bukire.

Mbere y'uko tubagezaho ibyavuye mu biganiro biherutse kubera muri hotel Nobleza, twabibutsa ko muri hotel Faraja yo mu karere ka Musanze, kuva ku itariki ya 28 kugeza ku ya 30 Mata 2017, na none CCOAIB yari yagiranye ibiganiro n'amahuriro y'abahinzi bato b'abagore bari baturutse mu turere twa Kamonyi, Gisagara, Karongi, Nyanza, Musanze na Muhanga.

Bamwe mu bagore bahuriye i Musanze bari gukorera mu matsinda

Ibi biganiro byabereye mu karere ka Musanze, byasojwe abo bagore bafashe imyanzuro, ari nayo twahereyeho muri ibi biganiro tugiye kubabwira. Iyi yo, yari yahuje impuguke z'imiryango igize CCOAIB aho nabo bamaze umunsi wose basesengura ibibazo biri mu buhinzi, batirengagije kandi ibitekerezo byatanzwe n'abari bahuriye mu nama y'i Musanze barabinoza.

Atangiza ibiganiro, umuyobozi w'inama y'ubutegetsi ya CCOAIB bwana Innocent Rulinda yashimiye inkunga y'ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku buhinzi no biribwa (WFP) kubera ko bumvise icyifuzo cy'Ihuriro , cyo kugira ngo abanyamuryango, benshi muri bo bakorana ku buryo bwa hafi n'abahinzi, bahabwe urubuga rwo gutanga ibitekerezo byatuma politiki y'ubuhinzi yanozwa hashingiwe ku byifuzo by'abahinzi. Yashimangiye ireme ry'ukwo guhuza abahinzi, avuga ko wakorera umuturage byose utamwegereye ngo umugishe inama ntacyo byamumarira, ndetse nta n'uburambe byagira kuko aba atabyiyumvamo.

Umuyobozi wungirije w'Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku buhinzi no ku biribwa mu Rwanda Doctor Otto Muhinda, yashimye ubwo buryo bwo kungurana ibitekerezo ku ngamba zateza ubuhinzi imbere kuko abaturage babutezeho byinshi, dore ko bukorwa n'umubare munini w'abanyarwanda, hejuru ya 80%, bukaba bunatunze abakora iyindi mirimo.

Bwana Innocent Rulinda, Prezida w'inama y'Ubutegetsi ya CCOAIB atangiza inama

Umuyobozi wungirije wa FAO Doctor Otto Muhinda, yijeje CCOAIB ko uyu muryango akoramo utazahwema kuyitera inkunga mu gihe cyose izaba yatekereje igikorwa nk'iki cyangwa se ikindi cyatuma ubuhinzi butera imbere, Yavuze ko abufata nk'inkingi ikomeye kugira ngo abaturage bagire imibereho ikwiye muntu.

Ku kibazo gikunze kuvugwa ko abahinzi batoroherwa mu kubona inguzanyo ngo ibikorwa byabo bishobore kwaguka, yibajije ku mpamvu zituma bahinzi batagera ku mafaranga nyamara umuntu ahereye ku mubare wabo uri hejuru, bikaba byari bikwiye ko bagira banki yabo bwite. Ngo asanga iki cyatuma abahinzi borozi bashobora gutera imbere kandi ku buryo bwihuse. Yasabye ko ibi byatekerezwaho neza, imiryango igize CCOAIB igafasha abahinzi bakorana nayo bakabigeraho.

Doctor Otto Muhinda atanga ikiganiro

Ku ruhande rwe, uwari waje ahagarariye MINAGRI Bwana Kazungu Jules, yashimangiye ko abahinzi bakwiriye guhabwa uruhare mu gihe hari kugenwa politiki z'ubuhinzi. Yatanze urugero rw'umuhinzi mworozi wari warigaragaje nk'indashyikirwa mu karere atavuze izina. Ngo abayobozi bo mu nzego zo hejuru baramutumiye baramwakira, ibyo gufungura n'ibinyobwa byiza bimugeraho, ariko icyari kigamijwe kwari ukumubaza icyo yumva gikenewe kurusha ibindi kugira ngo ubuhinzi butere imbere muri ako karere. Mu gihe bari bategereje ko yabasaba ibintu bihambaye, mu ijwi rituje yabasubije mu interuro imwe ati: ''Abahinzi dukeneye ko mwajya mudutega amatwi!"

Bwana Jules Kazungu (MINAGRI) yakira ibitekerezo bitandukanye bigenda bitangwa n'abitabiriye ikiganiro

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CCOAIB (Ibumoso) hamwe n'Umuyobozi wungirije wa FAO (Iburyo)

Nyuma yo kumva ibiganiro byatanzwe n'abantu batandukanye ndetse abari bitabiriye inama bagakorera mu matsinda, baragarutse basesengura politiki na gahunda zitandukanye zigamije iterambere ry'ubuhinzi, n'ubworozi, bavuga ku byaba byaragezweho n'intege nke zagaragaye, maze bafata imyanzuro ikurikira:

- Imikorere n'imikoranire ya MINAGRI, abaterankunga bayo n'abafatanyabikorwa bagombye kuzuzanya hagamijwe ingamba zifatika, bityo imiryango ya sosiyete sivile igahabwa umwanya mu bikorwa by'ubuhinzi nko gutanga imbuto, inyongeramusaruro, ibikorwa byo kuhira, n'ibindi.

- Hagombye gushyirwaho uburyo bunoze butuma amaterasi akoreshwa neza.
- Hagombye gushyirwaho uburyo bunoze bwo gukoresha amafumbire ndetse n'ubwo kugabanya itumizwa mu mahanga ry'imbuto n'amafumbire.
- Politiki na gahunda z'ubuhinzi zigomba gusemurwa mu Kinyarwanda.
- bimoteri by'imyanda byagombye kubyazwa ifumbire y'imborera yakoreshwa mu buhinzi.
- Hagombye gushyirwaho uburyo na gahunda byihariye byo guherekeza abahinzi bato kugira ngo babe abanyamwuga.
- Hagombye gushyirwaho ikigega cyo kwita ku bikorwa remezo byo mu buhinzi bworozi.
- Hagombye gushyirwa ingufu zihariye mu buhinzi bw'imbuto n'imboga hagamijwe guteza imbere imirire.
- Hagombye kugenzurwa kenshi abafite inganda zikora ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi kandi izikiri ntoya zikoroherezwa kubona ibyemezo bya ngombwa.
- Mu guteza imbere imirire, hagombye kwitabwa ku muryango aho kwita ku mwana wenyine.
- Mu rwego rwo guteza imbere gahunda yo kuhira hagombye kwigwa uburyo imigezi n'andi mazi byakoreshwa ariko ibidukikije bitangijwe.
- Hagombye gushyirwa ingufu mu nzego zashyizweho kugira ngo zirusheho gukora neza.
- Hagombye kwigwa uburyo bwiza bwo kubika umusaruro.
- Hagombye kunozwa imikoranire hamwe n'itangazamakuru, cyane cyane ku bijyana n'ibiza ndetse hakanashyirwaho uburyo ibiza biri mu bihugu bidukikije byajya bikumirwa bitaragera mu Rwanda.
- Mu ngamba z'iterambere ry'ubuhinzi, hagombye kugaragazwa umubare nyawo w'ingengo y'imari igenerwa imiryango ya sosiyete sivile.

Twasoza iyi nyandiko tuvuga ko abitabiriye iki kiganiro bishimiye iyi nama yabaye ingirakamaro bitewe nuko abo yari ihuje bashoboye kungurana ibitekerezo, bahereye ku bitaragenze neza muri PSTA ya gatatu ndetse n'izayibanjirije.

Iyi nama yatumye hatangwa ibitekerezo bizifashishwa mu gushyiraho PSTA ya kane. Igishimishije akaba aruko abahinzi bazayigira iyabo kuko izaba yakozwe hashingiwe ku byo bagaragaje nk'imbogamizi. Turizera tukaba tudashidikanya ko izakemura ibibazo by'ingutu bikomeje kwibasira ubuhinzi mu Rwanda kandi ari bwo butunze hafi ya bose. CCOAIB izakomeza ubu buryo bwo guhuza abantu bakaganira kugira ngo politiki z'ubuhinzi ziteguranwe ubushishozi, ibyifuzo by'abahinzi n'iby'abafatanyabikorwa bose bijye bigezwa kuri Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi hamwe n'impuguke bakorana. Turizera kandi ko bizahabwa agaciro.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CCOAIB, Bwana Ngendandumwe Jean Claude yashimiye abanyamuryango bitabiriye ibi biganiro ku buryo bagiye bakurikira neza ishyirwa mu bikorwa rya politiki n'ingamba zigenda zifatwa mu rwego rwo guteza imbere ubuhinzi. Yagize ati: "Ubuvugizi bwumvikana neza kandi bukazana impinduka, ni ububa bushingiye ku bushakashatsi, bugaragaza uko ibintu bimeze, butanga ingero zifatika, imibare (evidences) kandi butanga inzira yo kubona ibisubizo". Yabasabye gukomereza aho, bagahora bongera ubumenyi bafite kugira ngo Ihuriro ryacu CCOAIB, rizakomeze ribe umufatanyabikorwa uhamye mu iterambere ry'igihugu, kuko nta utanga icyo adafite.

Kuba CCOAIB igizwe n'imiryango ifatanya n'abahinzi hirya no hino mu gihugu, nibikomeze biduhe ububasha n'impagarike yo kugira uruhare mu gutegura no gukurikira ishyirwa mu bikorwa rya za politiki n'ingamba z'iterambere. z'ubuhinzi mu Rwanda.

AMWE MU MASHUSHO YARANZE IBI BIGANIRO

Byateguwe na Benoit Ndirikiye / INFODOC- CCOAIB